
REB
Rwanda Education Board

# Mureke atete



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Mureke atete



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

DUSENGE Aimé Parfait, yanditse uyu muvugo afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu rwunge rw'amashuri rwa Muraza, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba. Uyu muvugo we, MUREKE ATETE, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.




Mureke atete atone, atoneshwe
Na we ni umwana nk'abandi.




Yasamwe nk'abandi avuka nk'abandi
Ibya Karema, Kajisho ntibimukwiiye
Mureke atete rwose.



Mureke atete atete agusanga
Mukine mwembi utamwikanga
Reka musangire asa n'abandi.




Wimushakira amazina adakwiye
Sigaho kumuheza aho mu bandi
Mureke ateteee! Atone atoneshwe!




Wibabaza umwana ni mwiza
Ni urugingo rw'u Rwanda rw'ejo
Ni umusingi w'iterambere.




Ndavuga umwana ufite ubumuga
Aho ari hose iyo mu mashuri
Ntakwiye guteshwa agaciro.



Niyo yaba atabona atanumva
Cyangwa agenda uko tutagenda.
Na we ni umwana nk'abandi.



Nitumureke atone atoneshwe
Tumukunde tunamurinde
Yisanzure nk'abandi bana.



Uburezi n'uburere biramureba
Natozwe indangagaciro
Zimwe ziranga umuco w'iwacu.



Barezi babyeyi nshima
Tubizeyeho ubwo butwari
Bwo gushyigikira abana bose.

# Mureke atete

Mureke atete atone, atoneshwe
Na we ni umwana nk'abandi.

Yasamwe nk'abandi avuka nk'abandi
Ibya Karema, Kajisho ntibimukwiye
Mureke atete rwose.

Mureke atete atete agusanga
Mukine mwembi utamwikanga
Reka musangire asa n'abandi.

Wimushakira amazina adakwiye
Sigaho kumuheza aho mu bandi
Mureke ateteee! Atone atoneshwe!

Wibabaza umwana ni mwiza
Ni urugingo rw'u Rwanda rw'ejo
Ni umusingi w'iterambere.

Ndavuga umwana ufite ubumuga
Aho ari hose iyo mu mashuri
Ntakwiye guteshwa agaciro.

Niyo yaba atabona atanumva
Cyangwa agenda uko tutagenda.
Na we ni umwana nk'abandi.

Nitumureke atone atoneshwe
Tumukunde tunamurinde
Yisanzure nk'abandi bana.

Uburezi n'uburere biramureba
Natozwe indangagaciro
Zimwe ziranga umuco w'iwacu.

Barezi babyeyi nshima
Tubizeyeho ubwo butwari
Bwo gushyigikira abana bose.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID INKUNGA Y'ABANYAMERIKA